REPUBLIC OF RWANDA
NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY
ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE
UBUSHINJACYAHA BUKURU

IBYAGEZWEHO N'ISTINDA RIKURIKIRANA IBYAHA BIMUNGA UBUKUNGU BW'IGIHUGU MU MYAKA YA 2007-2014

1. Amavu n'amavuko

Imwe mu ngamba Ubushinjacyaha Bukuru bwafashe mu guhangana n'ibyaha bimunga ubukungu bw'Igihugu muri rusange ndetse n'ibyaha byo kunyereza umutungo wa Leta by'umwihariko, ni ugushyiraho itsinda ryihariye rikurikirana ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu.

Itsinda, ryagiyeho mu kwezi kwa Werurwe mu mwaka wa 2007, rigizwe n'abashinjacyaha umunani bakurikirana umunsi ku wundi ibikubiye muri raporo z'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta bakazisesengura maze ibivuyemo, bikohererezwa abagenzacyaha bakorerara ku cyicaro cy'Ubushinjacyaha Bukuru bagatangira iperereza ry'ibanze. Itsinda rishinzwe gukurikirana:

- amadosiye y'abakekwaho ibyaha bimunga ubukungu bw'igihugu;
- by'umwihariko ibiri muri raporo z'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta;
- gukora raporo z'ibikorwa by'itsinda.

2. Ibyagezweho kugeza mu mwaka wa 2014.

Kuva itsinda ritangiye gukora muri Werurwe 2007 kugeza ku itariki ya 30 Kamena 2014, ryakurikiranye ibikubiye muri raporo z'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta zasohotse kuva mu mwaka wa 2006 kugeza ku itariki ya 30 Kamena 2012.

a. amadosiye yafatiwe umwanzuro:

Amadosiye yagombaga kwigwa	Ayizwe agafatirwa umwanzuro			Ayoherejwe mu Bushinjacyaha bwa Gisilikare
	Kuregera Inkiko	Ayaciwemo ihazabu no gusubiza andi mafaranga ategetswe	Ayashyin guwe	
711	**250**	**92**	**353**	**16**

b. umubare w'abaregewe inkiko

Umubare w’amadosiye yaregewe inkiko	Umubare w’abantu bari mu madosiye yaregewe inkiko
250	**992**

c. Ingano y'ihazabu yaciwe nta rubanza

Umubare w’abatanze ihazabu	Ingano y’ihazabu yatanzwe
312	**143,550,000**

d. Ingano y'amafaranga y'imisoro yasubijwe mu isanduku ya Leta bitanyuze mu nkiko

Umubare w’abatanze imisoro batakase/batari baciye	**Ingano y'amafaranga yasubijwe mu isanduku ya Leta.**
492	**163,106,961**

e. Abakozi bakoze amakosa yo mu rwego rw'akazi atagize ibyaha

Umubare w’ibigo n’inzego za leta birimo abakozi bakoze amakosa:	Umubare w’abakozi bakoze amakosa
148	**423**

3. Ingamba z’umwaka wa 2015

Gufatira umwanzuro amadosiye yose akomoka kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta 2012-2013 bitarenze ukwezi kwa Kamena 2015.